REPUBLIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA WERURWE 2022

10 Mata 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA WERURWE 2022

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Werurwe 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

## A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 7,5% mu kwezi kwa Werurwe 2022 ugereranyije na Werurwe 2021. Ibiciro muri Gashyantare 2022 byari byiyongereyeho 5,8%.

Muri Werurwe 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 10,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,1%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 3,8% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 14,7%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2022 na Werurwe 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 7,6%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2022 na Gashyantare 2022, ibiciro byiyongereyeho 3,1%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 3,9%, n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 8,1.

## B. Ibiciro mu byaro

Muri Werurwe 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 4,3% ugereranyije na Werurwe 2021. Ibiciro muri Gashyantare 2022 byari byiyongereyeho 3,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Werurwe, ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 17,2%, ibiciro by'ibikoresho byo mu nzu, isuku no gusana byiyongereyeho 15,8% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 10,1%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2022 na Gashyantare 2022 ibiciro byiyongereyeho 2,6%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 3,9% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 2,5%.

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Werurwe 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 5,6% ugereranyije na Werurwe 2021. Muri Gashyantare 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 4,2%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Werurwe 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,6%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 13%, ibiciro by'ibikoresho byo mu nzu, isuku no gusana byiyongereyeho 12,5% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 12,7%.

Iyo ugereranyije Werurwe 2022 na Gashyantare 2022 ibiciro byiyongereyeho 2,8%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 4,3% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 3,1%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2021 kugeza muri Werurwe 2022.**

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Werurwe 2021 kugeza muri Werurwe 2022**
***ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije***

| | 2021 | | | | | | | | | | 2022 | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 2,0 | 2,4 | -0,1 | -0,2 | -0,4 | -0,6 | -0,9 | 0,6 | 1,0 | 1,9 | 4,3 | 5,8 | 7,5 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 1,5 | 3,0 | 0,7 | 0,3 | -1,7 | -2,8 | -4,8 | -6,0 | -6,4 | -4,7 | -0,8 | 3,1 | 4,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 1,7 | 2,7 | 0,4 | 0,1 | -1,1 | -1,8 | -3,2 | -3,3 | -3,4 | -2,0 | 1,3 | 4,2 | 5,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,4 | 0,2 | -0,5 | -0,2 | 0,0 | 0,3 | 0,6 | 0,6 | -0,5 | 0,0 | 2,1 | 1,8 | 3,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,4 | -1,6 | -2,5 | 0,2 | -0,4 | 0,6 | -0,1 | -0,7 | -1,1 | 0,1 | 2,9 | 4,5 | 2,6 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,4 | -0,9 | -1,6 | 0,0 | -0,3 | 0,5 | 0,2 | -0,1 | -0,9 | 0,1 | 2,5 | 3,3 | 2,8 |

*Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw